

**Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame mu
Ihuriro ry'abanyeshuri bishyurirwa na Imbuto
Foundation
Huye, kuwa 6 Ukuboza 2014**

**Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta ushinzwe
amashuri abanza n'ayisumbuye,
Nyakubahwa Gouverneur w'Intara y'Amajyepfo,
Nyiricyubahiro Musenyeli wa Diyoseze ya Butare,
One UN Resident Coordinator,
Abahagarariye Ingabo na Police,
Nyakubahwa Mayor w'Akarere ka Huye,
Padiri uyobora iki kigo,
Banyacyubahiro mwese muri hano, Babyeyi barezi,
Rubyiruko, Bana bacu, Muraho neza!**

Tubanje kubashimira mwese, kuba mwaje kwifatanya natwe muri iyi gahunda y'ihuriro n'abana bacu. Dushimiye kandi ubuyobozi bw'iki kigo buhora butwakira muri iyi gahunda.

Iyi ni inshuro ya karindwi, dukora ihuriro nk'iri ry'abana bafashwa kwiga amashuri yisumbuye na Imbuto Foundation. Iyi ikaba ari gahunda yacu twiyemeje yo kubaka ubushobozi bw'urubyiruko kuko twemera ko iyo Imbuto yatewe neza , ikuhirwa neza, igafumbirwa neza, ikura itohagiye kandi ishishye. (A seed well planted, watered, nurtured and given all the necessary support successfully grows into a healthy plant one that reaches high and stands tall).

Urubyiruko rwacu rero nk'ubukungu bw'igihugu, twumva ko rugomba gutegurwa ngo ruzamukane ubushobozi, ubwenge n'umutima byo gukorera u Rwanda.

Byumwihariko iri huriro ry'aba bana bari mu mushinga wo gufashwa kwiga neza, rikaba rifite intego nyamukuru, yo kubahuza

kuko baturutse mu bigo bitandukanye n’uturere dutandukanye kugirango bamenyane, bungurane ibitekerezo ndetse bajye inama zo kwiga no gutsinda neza. Ikindi nuko Imbutu Fondation nk’ababyeyi b’aba bana, dusanga ari ngombwa ko duhura tukareba imyigire yabo uko yagenze, tugashima abakoze neza, abatarakoze neza nabo bakagawa, ndetse ni umwanya wacu wo kongera kubagira inama no kubaganiriza ku bintu bya ngombwa bibafasha mu mibereho yabo ya buri munsu, kandi byubaka ubuzima bwabo cyane cyane bigamije guhindura imyumvire ibubaka, nkuko duhora tubabwira ko akabando k’iminsi gacibwa kare kakabikwa kure”, iki ni igihe cyiza kuri bo.

Tubanje gushimira bagenzi banyu barangije amashuri yisumbuye ubu bakaba bari muri kaminuza, biyemeje kwishyira hamwe nkuko babitweretse. Ibi bitwereka ko igihe cyose twese ababareze tutagosoreye mu rucaca. Turabashimira kandi n’igikorwa cyo kwiyemeza gufasha bagenzi banyu kwiga neza, mukaba mwarabaye abafatanyabikorwa bacu kandi mwarahoze muri abagenerwabikorwa. Turizera neza ko aba bagenzi banyu babarebeyeho kandi bakuyemo isomo ryiza. Natwe tubijeje gukomeza kubaba hafi. Mukomeze mukore neza aho muri hose, maze mutubere aba ambassadeur beza, nkuko bavuga ko ”ukwibyara gutera ababyeyi ineza” namwe muri ishema ryacu.

Nkuko twabivuze tugitangira, twagirango dushimire abana bacu, bakoze neza kurusha abandi ndetse bafite n’imyitwarire myiza ku kigo kuko byombi bigendana. Nimukomerezaho. Abatarakoze neza namwe ni ukwisubiraho, mugasuzuma impamvu mutatsinze neza mukazatangirana ingamba nshya zo kwihata kurushaho.

Rubyiruko bana bacu, Igihugu cyacu kiyemeje kubaha umurage mwiza, mugezwaho uburezi bwa bose. Dufite kandi n'izindi gahunda nziza nyinshi zita ku rubyiruko. U Rwanda rumaze imyaka 20 rwiubaka, ibyinshi byakozwe n'abantu bakuru kurimwe cyangwa n'ababyeyi banyu ariko hari ababitangiye bafite imyaka nk'iyi mufite ubu, niyo mpamvu namwe ubu tubasaba ko mugira uruhare mu bibakorerwa byose, kuko ejo heza hanyu hari mu biganza byanyu kandi hagomba gutegurwa uyu muni.

Rubyiruko bana bacu, muri iki kigero cy'imyaka murimo, twebwe nk'ababyeyi ntabwo tubasaba byinshi, tubasaba gusa kwiga no gutsinda kuko ari wo murimo mushinzwe uyu muni. Ibyo kandi, kugirango mubigereho, twebwe abantu bakuru hari ibyo tubereka nk'inzira kubishobora. icyo tubasaba aha ni ukwemera mukadutega amatwi, mukumva inama tubagira, kuko aho muri natwe twarahanyuze.

Hari abaza kubaganirira birambuye, ariko nagirango ngire ibyo ngarukaho:

Kugirango mugere ku byo tubifuzaho rero, mugomba kumenya gukorera ku ntego kandi mukiyemeza no kuyigeraho ariko munyuze mu nzira ikwiye.

Mumenye kwihugura, mwiyongerere ubumenyi, mukunde gusoma, mumenye ibibera mu gihugu no mu mahanga. Mugire amatsiko meza, mumenye kubaza no gutanga ibitekerezo ariko kandi mumenye guhitamo amakuru mubona. Mwige kuvumbura ndetse naho muri ku ishuri ntimutinye kuba mwaba imbarutso y'ibyiza bihakorerwa.

Mumenye ubushobozi mwifitemo, maze mubukoreshe neza. Abantu bose ntabwo bafite impano zimwe, buri wese agira umwihariko we ahubwo habaho kuzuzanya.

Mwitoze kugira indangagaciro kuko nizo zizabafasha, no kugera kuri za ntego mwihaye.

Mwubahe ababyeyi banyu mubahe agaciro bakwiye, kuba mwaragiye kwiga ntabwo bivuze ko mubarusha byinshi nabo bafite ibyo bazi (experiences) mu buzima babayemo byabafasha, ikindi kandi barabakunda. Hari ibiganiro dukorana n'abana n'ababyeyi muri programu dufite y'ubuzima bw'imyororokere mu rubyiruko, byagaragaye ko hari abana, bumva ko ababyeyi babo nta kintu na kimwe bazi bigatuma batemera kubagisha inama cyangwa batemera ibyo ababyeyi babo bababwira kandi mu kinyarwanda baravuga ngo "utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze.

Muhanire gukora icyiza kandi cya ngombwa (choisir l'utile avant l'agreeable) kandi mukakigeraho binyunze mu nzira nziza nta kunyura mu nzira y'ubusamo. Mugire inshuti nziza zibasiga ibyiza. Kuko nta muntu w'akarwa ubaho (No man is an Iceland) mugomba kwiga kubana n'abandi haba ku ishuri no hanze (net working).

Mumenye kandi gukoresha igihe mufite neza kuko kitagaruka. Ibi bituma mugera kuri za ntego, kandi bikabarinda kwicuza. Mu buzima bw'ishuri mubamo, haba amategeko n'amabwiriza musabwa aho muri, akenshi agaragara nkaho ababangamiye ariko kandi niyo afasha ubuyobozi bw'ishuri kugira gahunda no gukora

neza. Mujye rero muyubahiriza kuko ntacyo bitwaye kuyakurikiza kandi bituma n'abarezi bakugirira icyizere.

Mu buzima ni ngombwa ko umuntu agira umuntu afataho nk'urugero (role model) cyangwa se umuntu ukugira inama, wakwereka inzira nziza ku buryo ubasha kugera kuri gahunda mwihaye mugerageze guhitamo abo bantu aho muba ku ishuri cyangwa se aho mutuye.

Rubyiruko bana b'u Rwanda, muri iyi minsi hari ibyorezo byibasiye urubyiruko, nyamara ariko birashoboka kubyirinda. Kwishora mu biyobyabwenge n'ibisindisha, hari abibwira ko ari inzira yo kuba wabaye mukuru cyangwa guhunga ibibazo. Nyamara ahubwo ibyo bitera ibibazo kuko byangiza ubuzima, uwabyishoyemo biragoye ngo azagere ku ndoto yifuzaga. Mubyirinde rero mubirinde n'abandi kuko tubabonamo ubukungu bukomeye bw'Igihugu cyacu.

Rubyiruko bana bacu, ibyo nimubigeraho muzahindura iki gihugu isooko y'ubuhanga, ubukungu n'ubutwari, isi yose izajya ivomamo.

Bayobozi, babyeyi turi kumwe hano, tuzi twese ko umurimo wo kurera utoroshye ariko kandi nanone ni umurimo mwiza kuko umusaruro wawo ugaragara vuba. Ibyo dusaba uru rubyiruko, turasabwa kubaherekeza, kubumva no kubatega amatwi tukababera urugero rwiza. Twirinde kubita abubu. Ariko nabo turabasaba kubitwemerera.

Bayobozi b'ibigo by'amashuri turi kumwe hano, turabasaba kongera ibikorwa byongerera ubushobozi, abanyeshuri bitaba mu nteganyanyigisho (Extra curricula activities), haba kubatoza umuco wo gusoma, kubatoza kuvugira mu ruhame, kubatoza

kumenya imiterere y'ubuzima bwabo no kuburinda ndetse n'umuco wo kugira indangagaciro mu buzima.

Ntabwo nasozza iri jambo ntashimiye abantu bafite uruhare, muri uyu mushinga wo kurihira aba bana amashuri, turashimira One Un Family yadufashije gukora iri huriro, turashimira abaterankunga badufasha kugirango aba bana bashobore kwiga, harimo ibigo nka (BK, MTN Foundation, Diamond Family Foundation, Friends of Imbutu, MEER, IHS, ATC Group, World Learning, Chinese Embassy, Coopedu, Sagamba groupe, Impuhwe) ndetse n'abantu ku giti cyabo. Muragahorana uwo mutima utanga.

Turashimira kandi n'ibigo by'amashuri yisumbuye dukorana muri uyu mushinga, tubasaba ngo ubwo bufatanye buzakomeze.

Turashimira, abazatuganirira muri iri huriro. Banyeshuri namwe turabasabye ngo ibi biganire muzabikuremo inama zizabafasha kuba Imbutu zisobanutse koko.

Murakoze, mbifurije kuzagira ihuriro ryiza